Ingingo ya 445: Ingingo rusange ku byaha bikorwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Haseguriwe ibihano birushijeho gukomera bitemanyijwe muri iri tegeko ngenga, iyo kudakurikiza tekini zabugenewe mu bushakashatsi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri byateje urupfu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundi.

INTERURO YA III: IBYAHU BIKORERWA IGIHUGU

UMUTWE WA MBERE: IBYAHU BIHUNGABANYA LETA

Icyiciro cya mbere: Ibyahabihungabanya umudendezo wa Leta n'ibindi bihugu, ibyaha by'ubugambanyi n'iby'ubutasi

Any person with mining and quarry exploitation licence who refuses competent authority access to mining or quarry exploration and exploitation area shall be liable to a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 445: Common provision applicable to mining and quarry exploitation offences

Subject to more severe penalties under this Organic Law, if the use of inappropriate techniques in mining and quarry exploration and exploitation results in death, the offender shall be liable to life imprisonment.

carrières

Toute personne jouissant d'un agrément en matière de prospection et d'exploitation des mines et des carrières qui refuse à l'administration compétente l'accès aux lieux des travaux de prospection et d'exploitation des mines ou des carrières est passible d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 445: Disposition commune aux infractions commises dans le cadre de l'exploitation des mines et carrières

Sous réserve des peines plus sévères prévues par la présente loi organique, lorsque le non respect des techniques appropriées de prospection et d'exploitation des mines et carrières cause la mort, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

TITLE III: OFFENCES AGAINST THE STATE

CHAPTER ONE: OFFENCES AGAINST STATE SECURITY

Section One: Offences against external State security, treason and espionage

TITRE III : INFRACTIONS CONTRE LA CHOSE PUBLIQUE

CHAPITRE PREMIER: INFRACTIONS CONTRE LA SURETE DE L'ETAT

Section première: Infractions contre la sûreté extérieure de l'Etat, de trahison et d'espionnage

Iningo ya 446: Ubugambanyi

Umunyarwanda wese:

1° ukoresha iterabwoba rikomeye, ukoresha imviruru, igitero cyitwaje intwarz cyangwa gukangisha kugira nabi, ashaka komeka u Rwanda cyangwa igice cyarwo ku gihugu cy'amahanga;

2° ugerageza gushyira Repubulika y'u Rwanda cyangwa igice cyayo mu bucakara bw'igihugu cy'amahanga;

3° urwanya Repubulika y'u Rwanda akoresheje intwarz z'intambara;

aba akoze icyaha cy'ubugambanyi kandi ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Article 446: Treason

Any Rwandan who :

1° through terrorism, subversion, armed force or threat of violence, undertakes to incorporate the national territory or part of it to a foreign power;

2° undertakes to totally or partially place the Republic of Rwanda under foreign domination;

3° wages war against the Republic of Rwanda using war arms;

commits an offence of treason and shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Article 446: Trahison

Tout Rwandais qui :

1° par le terrorisme, la subversion, la force armée ou la menace de violence, entreprend d'incorporer le territoire ou une partie du territoire national à celui d'une puissance étrangère;

2° entreprend de placer, totalement ou partiellement, la République du Rwanda sous une domination étrangère ;

3° porte les armes contre la République du Rwanda.

commet un crime de trahison, et est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Iningo ya 447: Kumena ibanga rya Leta

Kumena ibanga rya Leta ubishaka, ku buryo ubwo ari bwo bwose, bigendereye kugirira nabi Repubulika y'u Rwanda, byitwa icyaha cy'ubugambanyi bw'igihugu iyo bigizwe n'Umunyarwanda, cyangwa icyaha cy'ubutasi iyo bigizwe n'umunyamahanga.

Article 447: Revelation of State secrets

The intentional revelation of State secret in any form and by any means with the intention to use such secrets against the interests of the Republic of Rwanda, constitutes an offence of treason against one's homeland where the offence is committed by a Rwandan, or

Article 447: Violation du secret d'Etat

Le fait de publier ou de livrer intentionnellement, sous quelque forme et par quelque moyen que ce soit, un secret d'Etat en vue de nuire aux intérêts de la République du Rwanda, constitue une

espionage by a foreigner.

infraction de trahison envers la patrie s'il est commis par un Rwandais, ou d'espionnage s'il est commis par un étranger.

Iningo ya 448: Igisobanuro cy'amabanga ya Leta

Muri iri tegeko ngenga, amabanga ya Leta ni igikorwa n'ibantu byose, ubumenyi, inyandiko izo ari zo zose aho zaba ziri hose cyangwa ibisobanuro bibujije guhishurirwa Leta y'amahanga cyangwa izindi nzego zayo izo ari zo zose cyangwa abakozi bayo kubera akamaro ko kurengera igihugu.

Article 448: Definition of State secret

For the purposes of this Organic Law, State secrets means all facts, objects, knowledge, writings, or information which must not be revealed to a foreign government, institution or any of their employees in the interest of national defence.

Article 448: Définition du secret d'Etat

Sont des secrets d'Etat, au sens de la présente loi organique, tous les actes et faits, connaissances, écrits quels qu'ils soient et où qu'ils soient, ou les renseignements interdits de révéler à un gouvernement ou à une institution étrangère ou à leurs agents dans l'intérêt de la défense nationale.

Iningo ya 449: Ibyaha bifatwa nk'ubugambanyi cyangwa ubutasi n'ibihano byabyo

Umuntu wese:

- 1° umena ibanga rya Leta ku bushake bwe;
- 2° ushakisha ibanga rya Leta akaribona, abigiriye kurimena;
- 3° wangiza ikintu cyose kibitsweho ibanga rya Leta cyangwa ureka undi akacyangiza, agamije gushyira imbere inyungu z'ikindi gihugu;
- 4° ufile uburenganzira bwo kumenya

Article 449: Offences deemed as treason or espionage and their penalties

Any person who:

- 1° voluntarily reveals a state secret;
- 2° accesses a state secret with a view to reveal it;
- 3° destroys or allows another person to destroy anything that contains a state secret with intent to favour a foreign country;
- 4° entitled to have access to state secret

Toute personne qui:

- 1° intentionnellement livre un secret d'Etat;
- 2° se procure un secret d'Etat en vue de le livrer;
- 3° détruit ou laisse détruire un objet quelconque qui porte un secret d'Etat en vue de favoriser les intérêts d'une puissance étrangère;

ibanga rya Leta akarikoresha mu buryo bunyuranyije n'amategeko;	and uses it contrary to the law;	4°	habilitée à connaître le secret d'Etat, l'utilise d'une façon illégale;
5° umenera utabigenewe ku bwende bwe, ibanga rya Leta yaheshejwe cyangwa yamenyeshejwe ku bw'umurimo ashinzwe cyangwa inshingano yahawe;	5° voluntarily reveals a state secret that he/she knows in the course of his/her duties or functions, to any person not qualified;	5°	volontairement révèle à une personne non habilitée à le recevoir un secret d'Etat dont il a eu connaissance par ses fonctions ou ses attributions ;
6° ugirana, unoza cyangwa ukomeza umubano na Leta y'amahanga, umutwe wa politiki, umuryango, inzego za Leta byo mu mahanga cyangwa akawugirana n'ubakorera ashaka kumena amabanga ya Leta;	6° establishes, keeps or maintains relations with a foreign State, political organization, association, foreign institution or any person working for them, with a purpose to communicate State secrets;	6°	établit, entretient ou maintient avec un Etat étranger, une formation politique, une association, des institutions publiques étrangers ou une personne travaillant pour leur compte, des relations ayant pour but la révélation des secrets d'Etat ;
7° ukora ibikorwa by'ubugambanyi agambiriye kugirira nabi ubwirengere bwa Leta y'u Rwanda, umubano wayo n'amahanga cyangwa ubukungu shingiro bw'igihugu;	7° commits acts of treason with an intent to undermine national defence, diplomatic relations and essential economic interests of the Republic of Rwanda;	7°	commet des actes de trahison dans l'intention de nuire à la défense nationale de l'Etat Rwandais, à ses relations diplomatiques ou à ses intérêts économiques essentiels ;
aba akoze icyaha cy'ubugambanyi cyangwa cy'ubutasi kandi ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25), mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15). Iyo kumena ibanga rya Leta bigizwe	commits an offence of treason or espionage and shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years in wartime and in peacetime, the penalty shall be an imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.		commet une infraction de trahison ou d'espionnage et est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans et en temps de paix d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.
	If the revelation of the State secret is done by		

n'uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, atabigiriye ubugambanyi cyangwa ubutasi ariko abitewe n'ububuraburyo, ubushishozi buke cyangwa uburangare, igihano kiba mu gihe cy'intambara, igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

Iningo ya 450: Kunoza umubano na Leta z'amahanga bigiriwe gushoza intambara

Umuntu wese ugorana, unoza cyangwa ukomeza umubano na Leta cyangwa inzego za Leta byo mu mahanga cyangwa abakozi babyo, abigiriye gushoza cyangwa gushyigikira intambara, igitero cyangwa ibikorwa bikomeye birwanya Repubulika y'u Rwanda, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo cya burundi. Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Iningo ya 451: Ikwiza ry'impuha zigamije kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu by'amahanga

Umuntu wese ukwiza impuha agamije kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu

the person referred to under Paragraph One of this Article with no intention to commit treason or espionage but only by clumsiness, carelessness or negligence, in wartime, the penalty shall be imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years, while in peacetime, the penalty shall be imprisonment of one (1) year to three (3) years.

Article 450: Keeping relations with foreign governments with intent to wage war

Any person who establishes, keeps or maintains relations with foreign institutions or countries or their agents with intent to cause or wage war, an armed conflict or violent measures against the Republic of Rwanda, shall be liable to life imprisonment in wartime, and to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty five (25) years in peacetime.

Article 451: Spreading false information with intent to create a hostile international opinion against the Rwandan State

Any person who spreads false information with intent to create a hostile international

Si la violation du secret d'Etat par la personne visée à l'alinéa premier du présent article a été faite sans intention de trahison ou d'espionnage mais seulement par maladresse, inattention ou négligence, la peine est, en temps de guerre, d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans, et, en temps de paix, d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Article 450: Entretenir des relations avec les gouvernements étrangers en vue de provoquer une guerre

Toute personne qui, dans l'intention de provoquer ou d'encourager une guerre, une entreprise armée ou des mesures violentes contre la République du Rwanda, établit, entretient ou maintient des relations avec un gouvernement ou des institutions étrangers ou avec leurs agents, est passible, en temps de guerre d'un emprisonnement à perpétuité, en temps de paix, d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 451: Propagation des affirmations mensongères en vue de provoquer l'hostilité de l'opinion internationale vis-à-vis de l'Etat Rwandais

by'amahanga, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo cya burundi; mu gihe cy'amahoro igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

opinion against the Rwandan State shall be liable to life imprisonment during wartime, and in peacetime, to imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Toute personne qui, en vue de provoquer l'hostilité de l'opinion internationale vis-à-vis de l'Etat Rwandais, propage des affirmations mensongères, est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement à perpétuité et, en temps de paix, d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Iningo ya 452: Ikurikiranwa ry'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 447, iya 449, iya 450 n'iya 451

Ibyaha byavuzwe mu ngingo ya 447, iya 449, iya 450 n'iya 451 z'iri tegeko ngenga bikurikiranwa biregewe cyangwa bitangiwe uruhushya n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare hakurikijwe imiterere y'icyaha.

Article 452: Legal action against offences provided in Articles 447, 449, 450 and 451

Legal action against offences mentioned under Articles 447, 449, 450 and 451 of this Organic Law shall be instituted upon complaint or on the authorization of the Prosecutor General or the Military Prosecutor General, depending on the case.

Les infractions visées aux articles 447, 449, 450 et 451 de la présente loi organique ne sont poursuivies que sur plainte ou sur autorisation du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire selon le cas.

Iningo ya 453: Ishyirwa mu maboko y'amahanga ifasi, ingabo cyangwa ibikoresho by'intambara

Umuntu wese:

- 1° ushyira mu maboko y'ubutegetsi bw'amahanga cyangwa ababukorera, ingabo, ifasi, imijyi, ingerero, ibyubakiwe intambara, ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwarz, ibikoresho, amasasu,

Article 453: Handing over of territories, troops or arsenals to a foreign country

Any person who:

- 1° hands over to a foreign country or its agents, troops, territories, towns, forts, works, posts, shops, military industries, arsenal, materials, ammunitions, ships, buildings or air navigation machines belonging to the

Article 453: Mise à la disposition d'une puissance étrangère des territoires, des troupes ou des arsenaux de guerre

Toute personne qui:

- 1° met à la disposition d'une puissance étrangère ou de ses agents, soit des troupes, soit des territoires, villes, forteresses, constructions de guerre, postes, magasins, industries

amato, amazu cyangwa indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere bya Leta y'u Rwanda cyangwa byagenewe kuyirwanirira;	Republic of Rwanda or meant for its defence;	militaires et arsenaux, matériels, munitions, bateaux, bâtiments ou appareils de navigation aérienne, appartenant à l'Etat Rwandais ou affectés à sa défense ;
2° usenya cyangwa wiba ubwato, indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere, ingemu, amazu cyangwa imashini izo ari zo zose cyangwa ubyangije ku buryo bitera amakuba, agamije gutambamira ubwirengere bw'ighugu;	2° destroys or hijacks a ship, a plane, air navigation machines, military supplies, buildings or any machines or damages them which leads to an accident in order to sabotage national defence;	2° détruit ou détourne un bateau, un avion, des appareils de navigation aérienne, des fournitures, des bâtiments ou des machines quelconques ou qui les endommage ne manière à provoquer un accident, en vue de nuire à la défense nationale;
ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).	shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years, in wartime, and in peacetime, to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.	est possible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans et en temps de paix, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Ingingo ya 454: Koshyia ingabo z'u Rwanda kurwanirira igihugu cy'amahanga

Umuntu wese:

- 1° woshya ingabo z'u Rwanda kurwanirira igihugu cy'amahanga, uzifasha kuwyayo cyangwa ushakira abasirikare igihugu kirwana na Leta y'u Rwanda;

Article 454: Inducing Rwanda Defence Forces to serve a foreign country

Any person who:

- 1° induces Rwanda Defence Forces to serve a foreign country, facilitates or recruits them for a foreign country at war with the Republic of Rwanda;

Article 454: Incitation des Forces Rwandaises de Défense à passer au service d'une puissance étrangère

Toute personne qui :

- 1° incite les Forces Rwandaises de Défense à passer au service d'une puissance étrangère, leur en facilite les moyens ou fait des enrôlements

2° wumvikana n'igihugu cy'amahanga cyangwa abakozi bacyo agira ngo agifashe mu mirwano gifitanye na Leta y'u Rwanda;

3° ukora igikorwa abizi gica intege ingabo z'u Rwanda cyangwa abaturage bacyo, ashaka gutambamira ubwirengere bw'ighugu;

ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) mu gihe cy'amahoro agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 455: Gutuma u Rwanda rugirana intambara n'ikindi gihugu

Umuntu wese:

- 1° ukora ibikorwa bitemewe na Leta, agatuma u Rwanda rugirana intambara n'igihugu cy'amahanga;
- 2° ukora ibikorwa bitemewe na Leta,

2° cooperates with a foreign country or its agents in view of favouring the undertakings of this country against the Republic of Rwanda;

3° knowingly participates in a campaign to demoralise Rwanda Defence Forces or the population with intent to undermine national defence;

shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years in wartime and in peacetime, to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 455: Exposing the Republic of Rwanda to hostility of a foreign country

Any person who:

- 1° by hostile acts not approved by the Government, exposes the Republic of Rwanda to hostility of a foreign country;
- 2° by his/her acts not approved by the

pour une puissance étrangère en guerre avec la République du Rwanda ; entretient des intelligences avec une puissance étrangère ou avec ses agents en vue de favoriser les entreprises de cette puissance contre la République du Rwanda;

participe sciemment à une entreprise de démoralisation des Forces Rwandaises de Défense ou de la population avec l'intention de nuire à la défense nationale;

est possible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans en temps de guerre et en temps de paix, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 455: Exposition de la République du Rwanda à des hostilités de la part d'une puissance étrangère

Toute personne qui:

- 1° par des actes hostiles non approuvés par le Gouvernement, expose la République du Rwanda à des hostilités de la part d'une puissance étrangère ;

agatuma bigira ingaruka mbi kuri
Leta y'u Rwanda;

ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo
kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka
cumi n'itanu (15), mu gihe cy'amahoro,
agahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu
(5) kugeza ku myaka icumi (10).

**Ingingo ya 456: Itangwa n'iyemerwa
ry'ikiguzi kugira ngo uteze intambara mu
Rwanda**

Umuntu wese utanga ikiguzi cyangwa
ugisezeranya kugira ngo hakorwe ibyaha
biteganyijwe mu ngingoya 455 y'iri tegeko
ngenga, uwemera icyo kiguzi cyangwa ayo
masezerano, ahanishwa, mu gihe
cy'intambara igifungo kuva ku myaka icumi
(10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) mu
gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo
kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka
icumi (10).

**Ingingo ya 457: Ibangamira
ry'ubwirengere bw'igihugu**

Umuntu wese, mu gihe cy'intambara, ukora
abizi, igikorwa gishobora kubangamira
ubwirengere bw'igihugu ahanishwa igifungo
kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka
icumi (10).

Government, exposes the Republic of
Rwanda to reprisals;

shall be liable to imprisonment of ten (10)
years to fifteen (15) years in wartime, and in
peacetime, to a term of imprisonment of more
than five (5) years to ten (10) years.

**Article 456: Offering and accepting a price
with intent to cause hostilities in Rwanda**

Any person who offers or promises to offer a
price with intent to commit offences under
Article 455 of this Organic Law, accepts a
price or a promise, shall be liable, during
wartime, to a term of imprisonment of ten
(10) years to fifteen (15) years and in
peacetime, to a term of imprisonment of more
than five (5) years to ten (10) years.

Article 457: Undermining national defence

Any person who, during wartime, knowingly
commits any act likely to undermine national
defence shall be liable to a term of
imprisonment of seven (7) years to ten (10)
years.

2° par des actes non approuvés par le
Gouvernement, expose la République
du Rwanda à des représailles ;

est possible, en temps de guerre, d'un
emprisonnement de dix (10) ans à quinze
(15) ans, et en temps de paix, d'un
emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix
(10) ans.

**Article 456: Offre et acceptation d'un prix
aux fins de provoquer les hostilités au
Rwanda**

Toute personne qui offre ou propose un prix
aux fins de commettre les infractions prévues
à l'article 455 de la présente loi organique,
qui accepte cette offre ou cette proposition,
est possible, en temps de guerre, d'un
emprisonnement de dix (10) ans à quinze
(15) ans et en temps de paix, d'un
emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix
(10) ans.

Article 457: Nuire à la défense nationale

Toute personne qui, en temps de guerre,
accomplit sciemment un acte susceptible de
nuire à la défense nationale, est possible d'un
emprisonnement de sept (7) ans à dix (10)

Iningo ya 458: Ihanwa ry'ibyaha byakorewe ibihugu bifatanyije n'u Rwanda kurwanya umwanzi

Iyo ibikorwa bivugwa muri iki cyiciro byakorewe ibihugu by'insuti za Leta y'u Rwanda bifatanyije na yo kurwanya umwanzi rusange bahanishwa ibihano bimwe nk'aho byakorewe u Rwanda.

Iningo ya 459: Irema ry'umutwe w'ingabo bitemewe

Umuntu wese urema umutwe w'ingabo cyangwa akabisembura cyangwa akagirana amasezerano na zo, abikoresheje impano, igihembo, iterabwoba, igitugu, abigirira gushyigikira igitero cy'intambara cy'ingabo zindi zitari izemewe z'ighugu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Umuntu wese wemera, ku bushake, kwinjira cyangwa gutorerwa kujya mu ngabo zitari ingabo zemewe z'ighugu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ibyaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo bikurikiranwa biregewe cyangwa bitangiwe uruhushya

Article 458: Penalty for offences committed against allies at war of the Republic of Rwanda

If the acts under this Section are committed against allies at war of the Republic of Rwanda, they shall be punished as if there are committed against the Republic of Rwanda.

Article 459: Formation of an irregular armed group

Any person who carries out recruitments or incites or makes an agreement with the armed group other than the regular forces of the State, by gifts, remuneration, threats, abuse of authority or power shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Any person who, willingly, engages or is recruited in an army other than the regular force of the State, shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Legal action against offences under Paragraphs One and 2 of this Article shall be instituted only upon complaint or

ans.

Article 458: Répression des infractions commises à l'encontre des alliés du Rwanda

Si les actes spécifiés à la présente section sont commis envers les alliés de l'Etat Rwandais agissant contre l'ennemi commun, ils sont punissables des mêmes peines que celles applicables aux actes commis envers l'Etat Rwandais.

Article 459: Formation d'une force armée irrégulière

Toute personne qui par dons, rémunérations, menaces, abus d'autorité ou de pouvoir, fait des recrutements ou provoque ou conclut des engagements avec des groupes armés au profit d'une force armée autre que l'armée régulière d'un Etat, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Toute personne qui, volontairement, accepte d'être engagé ou recruté au profit d'une force armée autre que l'armée régulière de l'Etat, est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Les infractions visées aux alinéas premiers et 2 du présent article ne sont poursuivies

n'Umushinjacyaha Mukuru Umushinjacyaha Mukuru wa hakurikijwe imiterere y'icyaha.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bivutsa umudendezo mu gihugu

Ingingo ya 460: Gukora igikorwa kigamije guhindura Itegeko Nshinga

Umuntu wese ukora igikorwa kigamije guhindura Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu buryo butemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 461: Icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika

Umuntu wese:

- 1° ukora icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa cyo kubuhirika akoreshje intambara cyangwa izindi mbaraga zose ;
- 2° ukora, muri iyo migambi ivugwa mu gaka ka 1°k'ikigika, icyaha kigamije kugirira nabi Perezida wa Repubulika ;

cyangwa Gisikare authorisation of the Prosecutor General or the Military Prosecutor General depending on the case.

Section 2: Offences against internal State security

Article 460: Committing an act meant to amend the Constitution

Any person who commits an act meant to unlawfully amend the Constitution of the Republic of Rwanda shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 461: Offence against the established Government or the President of the Republic

Any person who:

- 1° uses armed forces or any other violence in order to undermine or overthrow established Government;
- 2° subject to item 1° of this Paragraph harms the Head of State;

que sur plainte ou autorisation du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire selon le cas.

Section 2: Infractions contre la sûreté intérieure de l'Etat

Article 460: Commettre un acte tendant à réviser la Constitution

Toute personne qui commet un acte tendant à réviser illégalement la Constitution de la République du Rwanda est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 461: Infraction contre le Pouvoir établi ou le Président de la République

Toute personne qui:

- 1° recourt à la force armée ou à toute autre violence en vue de porter atteinte au Pouvoir établi ou de le renverser;
- 2° porte atteinte à la personne du Chef de l'Etat dans les mêmes buts visés au point 1° du présent alinéa;

ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 462: Ubugambanyi ku cyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika

Umuntu wese ukora ubugambanyi bugamije ibyaha bivugwa mu ngingoya 461 y'iri tegeko ngenga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25), niba hari icyakozwe icyo ari cyo cyose gitegura ubwo bugambanyi.

Iyo habayeho ubwoshye bw'ubugambanyibuvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ariko ntibwemerwe, uwoheje ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 463: Guteza imvururu cyangwa imidugararo muri rubanda

Umuntu wese, witwaza, ari disikuru avugkiye mu nama cyangwa mu giterane, ari inyandiko z'ubwoko bwose, amashusho cyangwa ibimenyetso by'amoko yose, bimanitswe, bitanzwe, biguzwe cyangwa bigurishijwe cyangwa bishyizwe mu maso ya rubanda, uwamamaza nkana ibihuha

shall be liable to life imprisonment.

Article 462: Conspiracy against the established Government or the President of the Republic

Any person who conspires to commit offences under Article 461 of this Organic Law shall be liable to a term imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years if any act has been committed in preparation to executing the offence.

If any incitement to conspire to commit offences under Paragraph One of this Article but not agreed upon, the person who incites, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 463: Inciting insurrection or trouble amongst the population

Any person who, by speeches held in meetings or public places, or writings, images or emblems, any posters, sold or on sale or displayed to the public, knowingly spreads rumours, excites the population against established Government, or incites or attempts to incite citizens against each other

est possible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 462: Complot à l'attentat au Pouvoir établi ou au Président de la République

Toute personne qui complete dans le but de commettre les infractions visées à l'article 461 de la présente loi organique est possible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution.

S'il y a eu incitation au complot mentionné à l'alinéa premier du présent article mais non agréée, l'auteur de l'incitation est possible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 463: Provocation du soulèvement ou des troubles de la population

Toute personne qui, soit par des discours tenus dans des réunions ou lieux publics, soit par des écrits de toute nature, des images ou emblèmes quelconques, affichés, distribués, achetés ou mis en vente ou exposés aux regards du public, soit en répandant

akagomisha cyangwa akagerageza kugomesha rubanda arwangisha ubutegetsi buriho, agatera cyangwa akagerageza guteza imvururu mu baturage ashaka ko basubiranamo, agatera rubanda intugunda ashaka kubyutsa imidugararo muri Repubulika y'u Rwanda, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 464: Kurwanya ububasha bw'amategeko

Umuntu wese urwanya ububasha bw'amategeko cyangwa akoshya kuburwanya, abigiriye ubugome kandi mu ruhame, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Ibihano bivuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo, bikubwa kabiri iyo uko koshya kwagize ingaruka mbi.

Ingingo ya 465: Kuyogoza igihugu, kwica bitsema cyangwa gusahura

Icyaha cyo kugerageza kuyogoza igihugu, kwica bitsema imbagwa cyangwa gusahura, gihanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

or attempts to alarm the population with intention to cause trouble on the national territory of the Republic of Rwanda, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 464: Offence of disobeying enforcement of law

Any person who, maliciously and publicly undermines the enforcement of law or directly incites people to disobey it, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

The penalties under Paragraph One of this Article shall be doubled if the incitement results into harm.

Article 465: Serial crime, massacre or looting

Serial crime, massacre or looting shall be punishable by imprisonment of fifteen (15) years to twenty five (25) years.

sciemment de faux bruits, excite ou tente d'exciter la population contre le Pouvoir établi, soulève ou tente de soulever les citoyens les uns contre les autres, alarme la population dans l'intention de semer les troubles sur le territoire de la République du Rwanda, est possible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 464: Attaque à la force obligatoire des lois

Toute personne qui, méchamment et publiquement, attaque la force obligatoire des lois ou incite directement à y désobéir, est possible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double si l'incitation a été suivie d'effet nuisible.

Article 465: Dévastation, massacre ou pillage

L'attentat ayant pour but de porter la dévastation, le massacre ou le pillage, est possible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt cinq (25) ans.

Ubugambanyi bugamije ibyaha bivuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) niba hari icyakozwe gitegura imikorere y'icyo cyaha.

Iyo icyaha cy'imigambi mibi cyangwa ubwo bugambanyi bwavuyemo kwica abantu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundi.

Ingingo ya 466: Igihe ubugambanyi butangirira kubaho

Ubugambanyi buvugwa mu ngingo ya 462 n'iya 465 z'iri tegeko ngenga butangira kuba bwo igihe inama yo gukora icyaha ihuriweho kandi ikemezwa n'abantu babiri cyangwa benshi.

Ingingo ya 467: Kwigira umugaba w'igitero cy'abagome

Umuntu wese ushaka kwiba amafaranga y'igihugu, gutera ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwaro, ibyambu, indege, amato, amazu cyangwa ibindi bintu bya Leta, ari ugusahura cyangwa kwigabagabanya ibintu by'igihugu, ari ugutera cyangwa kurwanya ingabo z'u Rwanda zihagurukira kurwanya inkozi

Conspiracy to commit offences mentioned under Paragraph One of this Article shall be punishable by imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years if any act has been carried out in preparation for their execution.

If the attempt or conspiracy causes death, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 466: Existence of conspiracy

Conspiracy under Articles 462 and 465 of this Organic Law starts when the resolution to act is concerted and decided upon by two (2) or more people.

Article 467: Leading a hostile group

Any person who, in order to take hold of public property, or invade posts, stores, arsenals, planes, ships, buildings or other property of the State, or loot or share public property, or attack or make a resistance against Rwanda Defence Forces acting against the offenders of such offences, leads any hostile group or performs any duties,

Le complot ayant pour but les infractions visées à l'alinéa premier du présent article est puni d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution.

Si l'attentat ou le complot a causé la perte de vies humaines, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 466: Début de l'existence du complot

Le complot prévu aux articles 462 et 465 de la présente loi organique commence dès que la résolution d'agir a été concertée et arrêtée par deux ou plusieurs personnes.

Article 467: Se mettre à la tête d'une bande hostile

Toute personne qui, soit pour s'emparer des deniers publics, soit pour envahir des postes, magasins, arsenaux, ports, avions, bateaux, bâtiments ou autres propriétés de l'Etat, soit pour piller ou se partager des propriétés publiques, soit pour faire attaque ou résistance envers les Forces Rwandaises de

z'ibyo byaha, akigira umugaba w'igitero cy'abagome cyangwa akakigiramo itegeko cyangwa umurimo uwo ari wo wose, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ni nacyo gihano gihabwa uwayoboye agatsiko k'abo bagome, uwaremye imitwe ya bene ibyo bico, uwayiremesheje, uwayibwirije cyangwa uwayihaye amabwiriza.

Ingingo ya 468: Ibihano bihabwa uwafatiwe ahakorerwa inama y'ubwigomeke

Igihe icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 461 y'iri Tegeko Ngenga kiba cyakozwe n'igitero, abantu bose bagize icyo gitero kandi baba bafatiwe ahakorewe inama y'ubwo bwigomeke, n'aho baba batari mu buyobozi cyangwa ngo babe bafite umurimo bashinzwe muri iyo nama, bahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ummuntu wese uyobora icyo gitero, ufite umurimo cyangwa ugira uruhare urwo ari rwo rwose mu butegetsi muri icyo gitero, n'aho yaba atafatiwe muri icyo gico, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

The same penalty shall apply to any person who leads an association, establishes, incites or organises or ordered organisation of hostile groups.

Article 468: Penalties for an individual caught in a seditious meeting

If the offence under Article 461 of this Organic Law is committed by a seditious group, all individuals taking part in the group and who are caught taking part in the seditious meeting, even if they are not in the leadership or do not exercise any role in the group shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Any person who leads a seditious group or exercises in the same group any role or some other leadership even if he/she is not caught on the spot, shall be liable to the same penalty under Paragraph One of this Article.

Défense agissant contre les auteurs de ces infractions, se met à la tête de bandes hostiles ou y exerce un commandement ou une fonction quelconque, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

La même peine s'applique à toute personne qui dirige l'association, crée ou fait créer, organise ou fait organiser une bande de ce genre.

Article 468: Peines applicable à un individu saisi sur le lieu d'une réunion séditieuse

Lorsque l'infraction prévue à l'article 461 de la présente loi organique est commise par une bande, tous les individus faisant partie de la bande et qui sont saisis sur le lieu de la réunion séditieuse, même s'ils n'y ont exercé aucun commandement ni emploi quelconque, sont passibles d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Toute personne qui dirige une bande séditieuse, ou exerce dans la même bande un emploi ou un commandement quelconque, même s'il n'a pas été saisi sur les lieux, est passible des peines prévues au premier alinéa

Iningo ya 469: Kuba mu bagize inama cyangwa ibitero by'ubwigomeke

Uretse igihe inama y'ubwigomeke yari kuba igamije cyangwa se igambiriye gukora icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 461 y'iri Tegeko Ngenga, abantu bagize ibitero bivugwa mu ngingo ya 467 n'iya 468 z'iri tegeko ngengakandi bagafatirwa mu gico, nta ruhare bagize mu buyobozi bwayo cyangwa se ngo bagiremo urundi ruhare, bahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka (5).

Iningo ya 470: Guha icumbi cyangwa ubwihihisho ibitero by'ubwigomeke

Umuntu wese umenza imigambi cyangwa amatwara y'ibitero by'ubwigomeke agaha inteko yabyo cyangwa imitwe yabyo amacumbi, ubwihihisho, aho baremera inama cyangwa akagira ikindi abifashaho, ahanwa kimwe n'icyitso.

Iningo ya 471: Ubwigomeke budahanwa

Bashobora kudahanirwa icyaha cy'ubwigomeke abari mu mitwe y'ubwigomeke badategeka cyangwa ngo bagiremo urundi ruhare, bakivanamo ku bwende bwabo cyangwa bakimara kuburirwa cyangwa kubitegekwa n'abategetsi

Article 469: Participation in seditious meeting or seditious group

Except in cases where the seditious meeting has an objective to result in an offence under Article 461 of this Organic Law, people who belong to the seditious groups mentioned in Articles 467 and 468 of this Organic Law who, without exercising any leadership or role, are caught on spot, shall be liable to a term of imprisonment for two (2) years to five (5) years.

Article 470: Providing accommodation or sanctuary to seditious groups

Any person who is aware of the purpose or character of a seditious group and provides accommodation, sanctuary, meeting venues or any other help to a group or its division shall be punishable as an accomplice.

Article 471: Non punishable seditious act

A person who previously belonged to a seditious group without exercising any leadership or role, and later voluntarily abandons or withdraws after the first warning or first summons by civil or military authorities, may not incur penalty.

du présent article.

Article 469: Participation à une réunion ou dans une bande séditieuse

Hors le cas où la réunion séditieuse a eu pour objet ou pour résultat l'infraction prévue à l'article 461 de la présente loi organique, les individus faisant partie des bandes visées aux articles 467 et 468 de la présente loi organique et qui sont saisis sur les lieux mais n'y exerçant aucun commandement ni emploi sont passibles d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 470: Fournir des logements ou cachettes aux bandes séditieuses

Toute personne qui, connaissant le but ou le caractère d'une bande séditieuse, fournit à cette dernière ou à ses divisions des logements, cachettes, lieux de réunion ou un secours quelconque, est punie comme complice.

Article 471: Sédition non punissable

Il ne peut être prononcé aucune peine du chef de sédition contre ceux qui, ayant fait partie des bandes séditieuses sans y exercer aucun commandement ni remplir aucun rôle, se sont retirés soit d'eux-mêmes, soit au

b'abasiviri cyangwa b'abasirikare.

Ni nako bigenda igihe abafatiwe ahatar muri iyo nama y'ubwigomeke, badateye amahane kandi badafite intwarz.

Bahanirwa icyakora ibyaha bindi bakoze ku bwabo.

Ingingo ya 472: Ibisobanuro by'amagambo “ubugande bwo kwivumbagatanya n’ abashinzwe umutekano”

Kuvuga ubugande bwo kwivumbagatanya ni ukuvuga urugaga rw'abantu rugaragazwa n'igitero cyarwo kibasiye abantu n'ibintu, rukagaragazwa n'inkongi n'ubwangizi cyangwa ubusahuzi bugamije kwiganzura abategetsi bariho cyangwa gusenya ubutegetsi bwemewe.

Abashinzwe umutekano ni ukuvuga abakozi bose bubahiriza amategeko kandi barinda amahoro mu gihugu, mu izina rya Repubulika no ku ngufu zayo.

Ingingo ya 473: Kubangamira kurwanya ubugande bwo kwivumbagatanya

Abantu bose, mu gihe cy'ubugande bwo

If persons are caught outside a sedition meeting place without making any resistance and without arms, they may not incur penalty.

However, persons shall be punished for other offences which they committed personally.

Article 472: Definitions of terms “insurrection movement and Security forces”

An insurrection movement means a collective insurrection manifesting attack against persons and property, with fire, devastation or looting intended to overthrow the incumbent authorities or Government.

Security forces means all agents who ensure the enforcement and maintenance of law and order on behalf of Government.

Article 473: Obstructing the fight against an insurrection movement

All persons who during insurrection:

premier avertissement ou à la première sommation des autorités civiles ou militaires.

Il en est de même pour ceux qui sont saisis hors des lieux de la réunion séditieuse sans opposer de résistance et sans arme.

Ils sont néanmoins punis à raison d'autres infractions qu'ils auront personnellement commises.

Article 472: Définitions des termes : « mouvement insurrectionnel et force publique »

Par mouvement insurrectionnel, il faut entendre un mouvement collectif qui se manifeste par leur attentat aux personnes et aux biens, par l'incendie, la dévastation ou le pillage en vue de faire succomber les autorités ou de renverser le pouvoir établi.

Par force publique, il faut entendre l'ensemble des agents qui assurent par la force, au nom de la République, l'exécution des actes et le maintien de l'ordre public.

Article 473: Entrave à la lutte contre un mouvement insurrectionnel

kwivumbagatanye baba:

- 1° ku bushake bwo gutera cyangwa kurwanya abashinzwe umutekano, bigaruriye intwaro cyangwa amasasu ku mugaragaro cyangwa rwihihswa;
- 2° babigiriye impamu zimwe n'izivugwa mu gace ka 1° k'iki gika, bafashe ku ngufu cyangwa bigaruriye amazu ya Leta, cyangwa amazu atuwemo cyangwa adatuwemo, imihanda, ahagene we igiterane cy'abantu cyangwa ahandi hantu hose;
- 3° bashyizeho, bashyirishijeho cyangwa bafashije gushyiraho cyangwa gushyirishaho inzitiro cyangwa inkomyi zindi zose, bagendereye gutambamira ubugobotsi bw'abashinzwe umutekano cyangwa kubuza abaturage gutambuka;
- 4° ku bw'igitugu cyangwa ibikangisho, babujije itumirwa cyangwa iterana by'abashinzwe umutekano;
- 5° basembuye cyangwa bafashije gukoranya ibygomeke, babikoresheje ari agahato k'igitugu cyangwa ibikangisho, ari ugutanga amategeko cyangwa amatangazo, ari

1° in order to attack or resist security forces, carry apparent or hidden arms or ammunition;

2° for the same reasons as those under item 1° of this Paragraph, invade or occupy public buildings or houses whether inhabited or not, roads, public places or any other area;

3° put up, cause or help to put up barricades, retreats or any other obstacles with intent to hinder or stop intervention of security forces or to hinder movement of citizens;

4° hinder by violence or threats, the convening or meeting of security forces;

5° provoke or facilitate the meeting of insurgents either by means of violence or threats, or by giving orders or announcements, or by carrying flags or other symbols of rally, or any other

Toutes personnes qui, dans un mouvement insurrectionnel :

1° pour attaquer ou résister à la force publique, portent des armes ou munitions, apparentes ou cachées ;

2° pour les mêmes buts que ceux prévus au point 1° du présent alinéa, envahissent ou occupent des édifices publics ou des maisons habitées ou non habitées, des routes, des places publiques ou tout autre endroit ;

3° placent, font placer ou aident à placer ou faire placer des barricades, des retranchements, ou tous autres obstacles ayant pour but d'entraver ou d'arrêter l'intervention de la force publique ou la circulation des habitants ;

4° empêchent, à l'aide de violences ou de menaces, la convocation ou la réunion de la force publique ;

5° provoquent ou facilitent le rassemblement des insurgés, soit à l'aide de violence ou de menaces, soit par la distribution d'ordres ou de

uguserukana amabendera cyangwa ibindi bimenyetso byo kwikoranya, ari ubundi buryo bwose bwo guhamagarana;	means of communication;	proclamations, soit par le port de drapeaux ou d'autres signes de ralliement, soit par tout autre moyen d'appel ;
6° batwayeho iminyago intwaro cyangwa amasasu, ari ku bw'imbaraga cyangwa ibikangisho, ari ku bw'isahura ry'amangazini cyangwa ry'amazu ya Leta, ari ukwambura intwaro abashinzwe umutekano;	6° seize arms or ammunition, either by means of violence or threats, or looting shops or public institutions, or by disarming security forces;	6° s'emparent d'armes ou munitions, soit à l'aide de violences, ou menaces, soit par le pillage de boutiques ou d'établissements publics, soit par le désarmement de la force publique ;
7° binjiye, ku bw'imbaraga cyangwa ibikangisho inzu ituwemo cyangwa idatuwemo;	7° invade a house, whether inhabited or not, by means of violence or threats;	7° envahissent une maison habitée ou non habitée, à l'aide de violences ou de menaces ;
8° babujije, ku buryo ubwo ari bwo bwose, abashinzwe umutekano gutabara cyangwa basuzuguje amategeko y'abategetsi b'igihugu;	8° hinder in any way security forces or the action of public authorities;	8° empêchent de quelque manière que ce soit l'action de la force publique ou des autorités publiques;
bahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20) bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'iri tegeko ngenga.	shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years, without prejudice to severe penalty provided for by this Organic Law.	sont possible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans, sans préjudice des peines plus sévères prévues par la présente loi organique.
<u>Ingingo ya 474: Abagaba b'ubugande bwo kwivumbagatanya</u>	<u>Article 474: Leaders of insurrection movements</u>	<u>Article 474: Chefs des mouvements insurrectionnels</u>
Abagaba b'ubugande bwo kwivumbagatanya ku buryo ubwo ari bwo bwose buvugwa mu	Leaders of insurrection movements mentioned in Article 473 of this Organic Law,	Les Chefs, à un titre quelconque, des

ngingoya 473 y'iri tegeko ngenga, bahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itamu (25).

Iningo ya 475: Impurirane z'ibyaha birimo n'icy'ubugande bwo kwivumbagatanya

Ibihano biteganijwe mu ngingo ya 473 n'iya 474 z'iri tegeko ngenga bitangwa bitabangamiye ibihano abakoze icyaha bagombaga guhabwa kubera ibindi byaha byose bakoze ubwabo cyangwa babereye ibyitso keretse bibaye ngombwa gukurikiza amategeko yerekeye impurirane z'ibyaha.

Icyiciro cya 3: Iningo rusange ku cyiciro cya mbere n'icya 2 by'uyu Mutwe

Iningo ya 476: Kutamenyekanisha imigambi y'ubugambanyi bugamije gutera igihugu

